# ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**ITANGAZO:**

Ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, ISCID asbl) kiramenyesha abantu bose ko imihango yo kwibuka **imyaka 28** ishize Seth Sendashonga yishwe iteganijwe **tariki ya 23 Gicurasi uyu mwaka**. Iyo mihango izabera i Bruxelles mu Bubiligi guhera saa munani z'amanywa kugera saa moya z'ijoro kuri adresse izatangazwa mu minsi iri imbere.

Muri uwo muhango hateganijwe ibiganiro bizatangwa n'abantu banyuranye kuri iyi nsanganyamatsiko:

**« Ishusho y'u Rwanda twifuza nyuma y'ubutegetsi bwa FPR; uruhare rwa buri wese »**


Ingingo z'ingenzi z'iyi nsanganyamatsiko ndetse n'amazina y'impuguke zizatanga ibiganiro nabyo bizatangazwa mu minsi iri imbere.

Ababishoboye musabwe kuzitabira ibyo biganiro muri benshi,

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 27/03/2026

Jean-Claude Kabagema,

Perezida wa ISCID asbl



ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.institut-SethSendashonga.org